cl

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
INAMA NJYANAMA

Kicukiro, kuwa 08/01/2016
Réf. N°129../07.0103/Njy/2016

CITY OF KIGALI
11 JAN 2016
RECEIVED

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
KIGALI

**Impamvu** : Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 21/11/2015

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 21/11/2015nk'uko yemejwe n'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 30/12/2015.

Iyo nyandikomvugo murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.

Mugire amahoro.

Dr NYIRAHABIMANA Jeanne
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
- Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
**KICUKIRO**

11/1/16

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 21/11/2015**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kicukiro tariki ya 21/11/2015.Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Umujyanama Dr NYIRAHABIMANA Jeanne. Inama yatangiye saa yine n'igice (10h30) za .mugitondo, isoza imirimo yayo saa mbiri n'iminota makumyabiri n'itanu (20:25) z'umugoroba.

Inama yitabiriwe n'abadepite batorewe mu karere ka Kicukiro: Rwigamba Fidèle, NYIRASAFARI Espérance na RUTAYISIRE Georgette.

Abajyanama bitabiriye inama

| N° | AMAZINA | *ICYO AKORA* | E-MAIL ADRESS | *TELEFONE* |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dr NYIRAHABIMANA Jeanne | Umuyoboziw'InamaNjyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788389949 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama | twagirainn @yahoo.fr | 0788300595 |
| 3 | UWAMARIYA Annet | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | annetuwamariya @gmail.com | 0788763800 |
| 4 | BIZUMUREMYI Gakwandi | Umujyanama | bizouga2001@yahoo.fr | 0788529623 |
| 5 | INGABIRE Laetitia | Umujyanama | ingabirel2002@yahoo.ca | 0788359187 |
| 6 | KAMALI Fulgence | Umujyanama | kamalifulgence@yahoo.fr | 0788510202 |
| 7 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | Karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 8 | KARANGWA K. Francis | Umujyanama | kavurati2005@gmail.com | 0788538757 |
| 9 | KAZENGA Diogène | Umujyanama | kazengadio@yahoo.fr | 0788306960 |
| 10 | MAGAJU Aimable | Umujyanama | Aimag2001@yahoo.fr | 0788354720 |
| 11 | MUKAMA Wellars | Umujyanama | wmukama@yahoo.com | 0788442757 |
| 12 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788304557 |
| 13 | MURORUNKWERE Nassira | Umujyanama | Namimy2006@yahoo.fr | 0788735823 |
| 14 | NDAMAGE Paul Jules | Umujyanama | pauljulesndamage@yahoo.fr | 0788525548 |
| 15 | MUTIMUKUNDA Adidja | Umujyanama | mutimadidj@gmail.com | 0788493177 |
| 16 | NKUBANA Dismas | *Umujyanama* | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 17 | UMUHOZA Rose Marie Diane | Umujyanama | mamiane2@yahoo.fr | 0788435105 |
| 18 | UWAYISABA Florence | Umujyanama | uwayisabaf@yahoo.fr | 0788354659 |

Abasibye inama bafite impamvu

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | KAYIRANGWAAnita M. Dominique | *Umujyanama* | kanita.md@gmail.com | 0788301008 |
| 2 | MBONIGABA François | Umujyanama | mbonifr@gmail.com | 0788410598 |
| 3 | MUKAMANZI B. Betty | Umujyanama | singabetty@gmail.com | 0788524793 |
| 4 | MURENZI Dieudonné | Umujyanama | dieudonn.murenzi@yahoo.com | 0785041578 |
| 5 | UMUHOZA Ange | *Umujyanama* | hozange8 @yahoo.fr | 0788517701 |

Ku murongo w'ibyigwa hemejwe ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe yo kuwa 19/09/2015;
2. Isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama yo kuwa 19/09/2015;
3. Raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano z'abagize Komite Nyobozi ;
4. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'Ingengo y'imari 2015/2016;

5. Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye 2015/2016;
6. Kwemeza igenagaciro ry'isoko rya Kigarama;
7. Raporo za komisiyo ;
8. Ibibazo by'abaturage;
9. Raporo y'Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere;
10. Ubusabe bw'ikigo cy'igihugu gishinzwe ingufu « REG »;
11. Ibintu n'ibindi.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 19/09/2015**

Umwanzuro 022/11/15-16
Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 19/09/2015 imaze kuyikorera ubugororangingo. Inyandikomvugo yemejwe n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 2: Isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama yo kuwa 19/09/2015**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku nama Njyanama aho imyanzuro yafatiwe mu nama yo kuwa 19/09/2015 igeze ishyirwa mu bikorwa. Ku byemezo 24 byemejwe n'Inama Njyanama, 22 byashyizwe mu bikorwa, imyanzuro ibiri ntirashyirwa mu bikorwa kuko isaba gukoresha amafaranga azaturuka mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2015/2016 .

Umwanzuro 023/11/15-16
a) Umwanzuro ujyanye no gukemura ibibazo byagaragaye ku bitaro by'Akarere bya Masaka, Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage gukomeza kubikurikirana kugeza bicyemutse.

b) Ku mwanzuro wemeje ko hashakwa abashoferi batatu b'imodoka eshatu z'Akarere zidafite abazitwara kandi zikenewe mu kazi ka buri munsi, Inama Njyanama yasabye ko abo bashoferi bashakwa vuba kugirango zizifashishwe mu bikorwa byo kubungabunga umutekano mu mpera z'umwaka wa 2015.

c) Abadepite bari mu nama nabo batanze ibitekerezo basaba ko abaturage bubaka mu kajagari mu mudugudu wa Gatare bakwiye gufatirwa ingamba zihamye, Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere kubikurikirana vuba.

**Ingingo ya 3: Raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano z'abagize Komite Nyobozi**

Abagize Komite Nyobozi bagejeje ku nama Njyanama raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano zabo uhereye muri Mutarama 2015 kugeza Ukwakira 2015.

**A. Raporo y'ibikorwa biri mu nshingano z'Umuyobozi w'Akarere**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa biri mu nshingano ze nk'Umuyobozi w'Akarere guhera muri Mutarama 2015 kugeza mu Kwakira 2015. Imirongo minini y'iyo raporo yagaragaje :
1) Imiyoborere y'Akarere no guhuza ibikorwa byose bikorerwa mu Karere;

2) Guhagararira Akarere imbere y'izindi nzego yitabira inama zose zatumiwemo Akarere haba ku rwego rw'Igihugu, Minisiteri zinyuranye, Umujyi wa Kigali n'Abafatanyabikorwa b'Akarere n'Umujyi wa Kigali;

3) Gutumira no kuyobora inama za Komite Nyobozi nk'uko biteganywa n'itegeko no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe ;

4) Kumenyekanisha Politiki za Leta mu Karere no gufatanya n'intumwa za Leta (Abadepite, Abasenateri, Ingabo, Police, Abayobozi mu gihugu ku nzego zinyuranye) mu kumenyekanisha gahunda za Leta n'imiyoborere ishingiye kuri demokarasi;

5) Kugeza ku baturage b'Akarere ka Kicukiro gahunda ya «Ndi Umunyarwanda» hatangwa ibiganiro ku bufatanye n'inzego zinyuranye;

6) Gushyira mu bikorwa gahunda y'Itorero ry'Igihugu hatozwa abanyeshuri barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye 2738 no gukurkirana gahunda y'urugerero kuva mu kwezi kwa Mutarama 2015 kugeza Kamena2015;

7) Kwita ku batishoboye hashyirwa mu bikorwa gahunda ya «Girinka» , kuremera, girubucuruzi, kubakira abatishoboye...;

8) Gukurikirana imiyoborere y'Imirenge igize Akarere ka Kicukiro, imirenge yose yarasuwe, abaturage baganirizwa ku iterambere ryabo hanakemurwa ibibazo.

9) Kwizihiza iminsi ngarukamwaka (umunsi w'intwali, umunsi w'abagore, icyunamo, umunsi w'umurimo, umunsi wo kwibohora, ...).

10) Gukorana inama buri kwezi n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge harebwa imikorere y'Imirenge hakorwa n'igenzura ry'ibyagezweho;

11) Kuba Umwanditsi w'irangamimerere mu Karere no gukurikirana imirimo y'irangamimerere ikorerwa mu Mirenge: Hatanzwe ubwenegihugu ku banyamahanga 15 basabye kuba abanyarwanda, kubufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Abinjira n'abasohoka.

12) Gukurikirana uko ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama ndetse n'amabwiriza aturutse mu Buyobozi bukuru bw'Igihugu bishyirwa mu bikorwa, Ibyemezo by'Inama Njyanama byashyizwe mu bikorwa uko byagiye bifatwa, ibigomba kumenyeshwa abaturage barabimenyeshejwe, byashyizwe kandi ku rubuga rw'Akarere.

13) Guhuza ibikorwa by'Imirenge no kwita by'umwihariko ku mirenge idafite ubushobozi buhagije bwo kurangiza inshingano: Hakurikiranywe imikorere y'Imirenge aho Umurenge wa Gahanga na Niboye bafashijwe kubaka ibiro byo gukoreramo; umurenge wa Kigarama ufashwa kubaka poste de sante, Umurenge wa Kagarama wubakirwa helth post hamwe n'Umurenge wa Gatenga.

14) Kwita ku mibereho myiza y'abaturage bakangurirwa ubwisungane mu kwivuza, hubakwa health post aho zitari ziri mu Karere:hubatswe health post mu kagari ka Nyarurama (Gatenga) no mu kagari ka Muyange (Kagarama);

15) Kwita ku bikorwa remezo hubakwa imihanda,

16) Kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu mu Karere afatanyije n'inzego zibishinzwe: Hatumijwe ndetse hanayoborwa inama z'umutekano, hizwe uburyo bwo kugabanya impanuka zo mu muhanda ku bufatanye n'aba senateri tariki ya 03/04/2015; hitabiriwe inama z'umutekano mu mujyi wa Kigali;

17) Mu rwego rw'isuku n'umutekano: Hatejwe imbere umutekano n'isuku, Polisi y'U Rwanda yahaye Akarere igihembo cy'imodoka ku itariki ya 16/06/2015 kuri Stade amahoro; Abakora irondo ry'umwuga bahabwa ibiganiro ku bijyanye no gucunga umutekano no kwirinda umwanda.

18) Kurwanya ibiyobyabwenge n'icuruzwa ry'abantu: Hatanzwe ikiganiro k'ububi bw'ibiyobyabwenge, icuruzwa ry'abantu, uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano, kurwanya no gukumira ibyaha.

19) Itangizwa rya Police Week: Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu , Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Umuyobozi wa Polisi bifatanyije n'Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro, Ingabo Abapolisi , inzego za Leta zitandukanye n'abaturage batangije icyumweru cya Polisi (Police Week) hasigwa amabara mu muhanda mu rwego rwo kurwanya impanuka;

20) Hateguwe hanakorwa umuganda wa buri kwezi: Hakozwe umuganda wa buri kwezi hamwe n'imiganda idasanzwe,

21) Kubakira abatishoboye: Hubatswe amazu y'abatishoboye 20, muri yo 10 yahawe abatishoboye bacitse ku icumu andi 10 ahabwa abatishoboye muri rusange;

22) Gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga n'umutungo by'Akarere: Hatowe ingengo y'imari y'Akarere ya 2015/2016, hanakurikiranywa ikoreshwa ryayo.

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama ko inzitizi (challenges) yahuye nazo mu kurangiza inshingano ze ari amafaranga yinjira gahoro gahoro kuva aho RRA itangiye gusoresha bityo ibikorwa biteganyijwe ntibyihute . Ku bijyanye n'imihanda yubakishwa amabuye bimaze kugaragara ko nayo itihutishwa bitewe n'uko guconga amabuye yubatse umuhanda bifata igihe kirekire.

**Umwanzuro 024/11/15-16**

a. Inama Njyanama yakiriye raporo y'umuyobozi w'Akarere y'ibikorwa biri mu nshingano ze iranayishima.

b. Inama Njyanama yamusabye kwandikira companies zatsindiye kubaka imihanda y'amabuye zikagaragarizwa ko imirimo yo kubaka iyo mihanda itihuta kugirango habone gufatwa izindi ngamba;

c. Ku kibazo cyagaragajwe cy'umuvuduko ukabije w'ibinyabiziga mu muhanda wa Masaka, Umuyobozi w'Akarere yasabwe kureba icyakorwa (gushyiraho dos d'âne cyangwa «zebbra crossing») mu rwego rwo gukumira impanuka.

d. Ku kibazo cy'amazi menshi amanuka muri uwo muhanda wa Masaka agasenyera abaturage, Umuyobozi w'Akarere yasabwe kugifatira ingamba zihuse.

### B. Raporo y'ibikorwa biri mu nshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama raporo y'ibikorwa biri mu nshingano ze zihariye zijyanye no:

1) Gusimbura Umuyobozi w'Akarere mu mirimo ye iyo adahari yitabira inama, ayobora cyangwa atanga ibiganiro;

2) Kumenyekanisha mu Karere politiki igihugu kigenderaho mu by'ubukungu: hasobanuwe ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera n'amategeko y'imyubakire mu Mirenge yose y'Akarere ka Kicukiro, hakozwe imiganda rusange yo gutera ibiti hasobanurwa n'akamaro ko kurengera ibidukikije;

3) Guhuza no guteza imbere ibikorwa by'ubufatanyabikorwa mu majyambere: Hanogejwe urutonde rw'abafatanyabikorwa mw'iterambere, hakorwa inama ya ACCES TO FINANCE, hakorwa inama nyunguranabitekerezo kw'iterambere ry'ubukungu higirwa hamwe imikoranire igamije kongera imirimo (kubonera imishinga inguzanyo).

4) Gukurikirana uko ibyemezo by'Inama Njyanama bishyirwa mu bikorwa mu byerekeye imari n'iterambere ry'ubukungu: Hakurikiranywe ikibazo cya Agaba Sylver , ikibazo cy'ingurane y'ubutaka SOCIETE AFAMEL itishimiye, ikibazo cy'imiturire mu murenge wa Gahanga, uburyo ikibazo cy'isuri cyakemuka hifashishijwe umuganda.

5) Guteza imbere no gukurikirana ibikorwa byose birebana n'ubukungu n'iterambere ry'Akarere : hakozwe ibikorwa birimo kuzuza umuhanda wa Kanombe-Mulindi, kubaka Kabulimbo Rubilizi-Busanza, gukurikirana iyubakwa ry'iteme rihuza Gahanga na Kagarama, gukora ubukangurambaga no gushishikariza abaturage guhinga by'umwuga, kuyobora inama z'ubuhinzi mu bihembwe by'ihinga 2015B na 2015C; ndetse n'igihembwe cy'ihinga 2016A, kubyaza umusaruro amaterasi ku buso bungana na hegitari 57,5.



A4

6) Guteza imbere no gukurikirana ibikorwa byose birebana n'ubukungu n'iterambere ry' Akarere: gukurikirana iyubakwa rya Salle y'Akarere, hagiwe inama zifashishwa mu bukangurambaga mu misoro.

7) Gushyiraho ingamba zo gufata neza ibikorwa remezo n'ibidukikije : Tariki ya 06/03/2015 ubuyobozi bw'Akarere bwakoranye inama n'abafite uruhare bose mu kubungabunga ibikorwa remezo n'Ibidukikije bufata ingamba mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, hashyizweho company yo gusana imihanda y'amabuye, hashyizweho ingamba zo kurwanya isuri hifashishijwe umuganda, hitabiriwe inama nyunguranabitekerezo kw'ishyirwaho ry'Iteka rya Minisitiri w'Intebe rijyanye n'imicungire ndetse n'imikoreshereze y'ibishanga, hakozwe urutonde rw'abacukura kariyeri mu Mirenge y'Akarere, hakurikiranwa imikorere yabo n'ibyangombwa bafite, hakumiriwe Abaturage bangiza ibishanga hafatwa n'ingamba zo kubibungabunga.

8) Gukurikirana uko ingengo y'imari yateganirijwe ibikorwa biri mu nshingano ze ishyirwa mu bikorwa:Hateguwe hanasuzumwa ku bufatanye na komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu ingengo y'imari y'Akarere 2015/2016, hahurikiranywe uko ibikorwa birebana n'iterambere ry'ubukungu byateganyijwe mu ngengo y'imali, uko byubahirizwa mu ngengabihe y'ipiganisha ry'amasoko yabyo.

9) Guteza imbere ibikorwa by'ishoramari n'abikorera mu Karere: Hakurikiranywe hagibwa n'inama ku mirimo y'iyubakwa ry'inganda mu Murenge wa Gahanga/Akagari ka Nunga n'iyubakwa ry'agakiriro mu Murenge wa Gahanga.

10) Gushishikariza abaturage gukurikiza amategeko arebana n'ubukungu, imari n'amajyambere: Mu miganda yose y'ukwezi ndetse n'izindi nama zose zihuza Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu n'abaturage habaho kubasobanurira no kubashishikariza gukurikiza amategeko arebana n'Iterambere ry'ubukungu; bimwe mu byo basobanuriwe ni ibi bikurikira: - amategeko agenga imisoro , - amategeko agenga imiturire mu Mujyi wa Kigali by'umwihariko kubahiriza igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali (Kigali City Master plan), - Itegeko rigenga ibidukikije.

11) Kwita ku bibazo by'imiturire no gukurikirana imikorere y'Ibiro by'ubutaka mu Karere: hakurikiranywe itangwa rya service y'ibyangombwa byo kubaka aho yatanzwe mu buryo bwubahirije amategeko kandi bwihuse (ubu ibyangombwa bisigaye bikurikiranwa bikanatangwa online bikihutisha service kandi bigakuraho ruswa). Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'imiturire hatoranyijwe site zizubakwamo n'abaturage batuye mu Murenge wa Gahanga by'umwihariko n'abandi b'amikoro macye kandi icyo gikorwa kikazakorwa muri buri Kagari aho abaturage bafite ikibazo cyo gutuzwa. Hafashwe ingamba zo kurwanya abahuza (commissionaire) b'abaturage na service za one stop center y'Akarere. Hakiriwe kandi hakemurwa ibibazo by'abaje basaba kurenganurwa mu by'imiturire. Hakiriwe itsinda ry'Abajyanama n'Abakozi baturutse mu Gihugu cya Ghana barangajwe imbere n'ikigo cy'igihugu gishinzwe imiturire mu Rwanda (RHA) basobanurirwa imikorere ya OSC mu Karere.

12) Kwakira no gukemura ibibazo byerekeye ubukungu n'amajyambere: Hakurikiranywe ibibazo bigera ku 153 by'abaturage baje basaba ubujyanama no kurenganurwa.

Nyuma yo kugeza raporo y'ibikorwa ku Nama Njyanama, Inama njyanama yashimye raporo y'umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Inama Njyanama yamusabye kuzajya agaragaza muri raporo ye amatariki ibikorwa biba byarakorewe..

Umwanzuro 025/11/15-16

Inama Njyanama yagarutse ku kibazo cya sosiyete AFAMEL, isanze bafite ikibazo cyo kutanyurwa na expropriation bakorewe ahazubakwa stade I Gahanga kandi icyo kibazo kikaba gifitwe n'abantu bagera kuri 13,

Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere wungirije gukurikirana ikibazo cy'abo baturage muri MINISPOC kuko ariyo yimuye abaturage, Umuyobozi w'Akarere akazamufasha bibaye ngombwa.



AU

## C. Raporo y'ibikorwa biri mu nshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturageyagejeje ku nama Njyanama raporo y'ibikorwa biri mu nshingano ze guhera muri Mutarama 2015 kugeza mu Kwakira 2015. Imirongo minini y'iyo raporo yagaragaje ko yayoboye imirimo iteza imbere imibereho myiza y'abaturage mu mirongo minini ikurikira:

1) **Gushyiraho no gukurikirana gahunda y'ibikorwa igamije iterambere ry'uburezi;**

- Hongerewe umubare w'ibyumba by'amashuri mu rwego rwo kugabanya ubucukike bw'abanyeshuri;
- Hongerewe umubare w'abarimu (abashya 34);
- Amashuri yakanguriwe kwigisha ikoranabuhanga: Hasuwe amashuri afite gahunda ya One Laptop Per Child, hakorwa n'ubuvugizi muri REB, haboneka Laptops mu bigo bishya bya GS Gahanga na GS Mburabuturo;
- Hakurikiranywe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugaburira abanyeshuri muri 9& 12 YBE;
- Kubufatanye n'abafatanyabikorwa (CEPAJ,CAEBP,VCT Kigarama), urubyiruko rwakanguriwe kwitabira kwiga ubumenyi-ngiro mu rwego rwo kurufasha kwihangira imirimo.

2) **Gushyiraho no gukurikirana gahunda y'ibikorwa igamije iterambere ry'ubuzima**

- Mu rwego rwo kwegereza abaturage serivise z'ubuvuzi, hubatswe poste de sante ya Kigarama, hakorwa ubuvugizi muri Caritas Rwanda na FHI ishyirwamo abakozi n'ibikoresho;
- Mu rwego rwo kunoza imikorere n'isuku, hakozwe ubugenzuzi
- Abana bafite ikibazo cy'imirire mibi barakurikiranwe hashyirwaho gahunda yo guha buri mwana ilitiro y'amata ku munsi, abana 233 bakurikiranwe mu bigo nderabuzima biri mu karere barakize.
- Hakozwe ubugenzuzi mu mavuriro yose akorera mu Karere;
- Mu rwego rwo kurwanya indwara ziterwa n'isuku nke ndetse n'imibikire itanoze y'ibiribwa cyane cyane inyama, hakozwe rimwe mu kwezi ubugenzuzi bw'ahantu hahurira abantu benshi;
- Hakozwe ubukangurambaga mu baturage ku bwisungane mu kwivuza,

- Mu rwego rwo gushyira imbaraga mu mugoroba w'ababyeyi, hatanzwe amahugurwa ku bantu bane muri buri kagari bahagarariye abandi ku bijyane no kurwanya icyorezo cya Sida, Gahunda yo kuboneza urubyaro, kurwanya imirire mibi, isuku, kurwanya ihohoterwa, n'ubwisungane mu kwivuza.
- Hitabiriwe amarushanwa y'isuku ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, Akarere ka Kicukiro kegukana umwanya wa mbere, kabona igihembo cy'imodoka n'umurenge wa Kanombe uhabwa moto;

3) **Gushyiraho gahunda y'ibikorwa yo guteza imbere umuco, siporo n'imyidagaduro**

- Hitabiriwe amarushanwa ya Mayor's Cup, Akarere ka Kicukiro yegukana igikombe muri Basketball;
- Hateguye amarushanwa ya Kagame Cup mu mashuri no mu mirenge;
- Hashyizwe imbaraga muri gahunda ya Siporo rusange, ndetse inatangizwa ku mugaragaro ku rwego rw'Akarere k'ubufatanye na minisiteri ya Siporo n'Umuco;
- Mu rwego rwo guteza imbere Siporo, hatunganyijwe ibibuga by'umupira binyuze mu muganda w'urubyiruko ndetse hanakinwa n'umukino wa gicuti hagati y'abakozi b'Akarere n'urundi rubyiruko;
- Hakurikiranywe ibikorwa by'ukwezi kw'urubyiruko na gahunda y'ibiruhuko bisozwa n'igitaramo;
- Hateguwe imyidagaduro aho urubyiruko rwataramiwe n'abahanzi hagamijwe kurukangurira kwirinda ibiyobyabwenge;
- Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza yayoboye anitabira inama zinyuranye zo gutegura kwibuka ku nshuro ya 21 nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994.
- Hateguye kwibuka nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994, hibukwa urubyiruko, abagore n'abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994;
- Hateguwe hanizihizwa umunsi w'umuganura mu rwego rusange, hizihizwa n'umuganura wihariye w'urubyiruko.



AH AU

4) **Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama mu byerekeye iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage**

- Hakozwe ubugenzuzi bw'ikigo cya SICCO, bagirwa inama yo kuzitira ikigo no kunoza isuku;
- Imidugudu ya Gahanga na Masaka ituwe n'abatishoboye yasuwe mu rwego rwo kureba ibibazo bafite kugira ngo bishakirwe umuti;
- Inzibutso zarasuwe mu rwego rwo kureba uburyo isuku yanozwa mu buryo buhoraho;
- Hakozwe ubukangurambaga kugira ngo abaturage barusheho kwitabira ubwisungane mu kwivuza;
- Hakozwe igenzura rya gahunda zifasha guteza imbere imibereho myiza y'abaturage;

5) **Gushyiraho gahunda yo gufasha abatishoboye**

- Hubatswe amazu 10 mu Murenge wa Masaka, Akagari ka Rusheshe y'imiryango itishoboye mu byiciro by'abageze muzabukuru n'abapfakazi.

6) **Gukurikirana ibikorwa n'imikorere by'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore, iby'inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'iz'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga no kuzigira inama**

- Hakozwe inteko rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore, bagaragaza ibyo bagezeho mu mwaka wa 2014-2015;
- Hashyizweho ikigo cy'abagore cyigisha imyuga itandukanye giherereye mu Murenge wa Niboye;
- Hizihijwe umunsi Mpuzamahanga w'Umugore taliki ya 8/3/2015, abagore baremerwa igishoro n' amatungo;
- Mu rwego rwo guca ubucuruzi bw'agataro, ku bufatanye n'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu, hatewe inkunga abagore 212 bacuruzaga agataro bibumbira mu makoperative 11, bashakirwa aho gukorera bahabwa n'igishoro;
- Hakozwe inteko rusange y'urubyiruko hizihizwa n'umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko wanahujwe n'umuganura w'urubyiruko rumurika n'ibikorwa bitandukanye rukora;

- Hakurikiranywe imihigo y'inama y'igihugu y'urubyiruko, hategurwa n'inama zitandukanye za komite y' inama y'igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere n'imirenge mu rwego rwo gutegura no kurushaho kunoza ibikorwa bitandukanye byo gufasha no guteza imbere urubyiruko .

7) **Gushyira mu bikorwa politiki yo kugoboka, kurengera, gufasha no guteza imbere abatishoboye bacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi, abandi batishoboye, abafite ubumuga, imfubyi, abapfakazi n'abandi bakeneye inkunga yihutirwa**

Hatanzwe inkunga y'ingoboka, inkunga yihariye ku ncike, hubakirwa abatishoboye, haremerwa imiryango 253 itishoboye, haremerwa abahejwe inyuma n'amateka mu Murenge wa Gahanga, n'urubyiruko (abantu 5) rukomoka muri iyo miryango rurihirwa imyuga muri VTC.

8) **Gushyiraho ingamba zo gufata neza no kurinda inzibutso n'amarimbi ya jenoside yakorewe Abatutsi**

- Hateguwe imirimo y'isukurwa ry'inzibutso mu rwego rwo kubungabunga isuku ku nzibutso binyuze mu miganda yihariye ikorwa n'amatsinda yihariye (abamotari, abanyonzi,…).
- Hashyizweho gahunda yo gusura inzibutso zishyinguwemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994 ndetse n'imirenge ziherereyemo isabwa kuzitaho by'umwihariko.
- Gukangurira abaturage bose batuye aho izo nzibutso ziherereye kugira uruhare mu kubungabunga umutekano wazo.

9) **Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage bijyanye n'imibereho myiza;**

Ibibazo by'abaturage bitandukanye byagiye bikemurwa biciye mu nteko rusange y'abaturage, kubakira mu biro byumwihariko ndetse nibivuye mu nzego nkuru zigihugu ( Presidence, Minaloc…..)

**Umwanzuro 026/11/15-16**

Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage amaze kugeza ku nama Njyanama ibyakozwe mu nshingano ze, Inama Njyanama yakiriye raporo ye inashima ibikorwa byakozwe.



HB VAU

a) Inama Njyanama yamusabye by'umwihariko gukomeza gukurikirana ikibazo cy'abaforomo bake ku bigo nderabuzima

b) Kugirango raporo y'abagize komite nyobozi yuzure, Inama Njyanama yabasabye kujya bagaragaza ibyari biteganyijwe, ibyakozwe, inzitizi (challenges) bahuye nazo n'ingamba zafashwe.

Ingingo ya 4: Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'Ingengo y'imari 2015/2016

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku nama Njyanama raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari yatowe ya 2015/2016 guhera muri Nyakanga 2015 kugeza kuwa 31/10/2015.

**Uburyo amafaranga yinjiye kugeza kuwa 31/10/2015**

| | Ingengo y'imari yemejwe | Ayinjiye kugeza 31/10/2015 | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Earmarked Transfers | 5,407,487,993 | 1,942,390,586 | 36% |
| Own Revenues | 5,456,222,717 | 600,194,652 | 11% |
| Provision for Opening Balance | 449,438,286 | 449,438,286 | 100% |
| Transfers From Other GoV | 50,115,830 | 0 | 0% |
| External Grants | 472,807,628 | 149,200,636 | 32% |
| **Total Revenues** | **11,836,072,454** | **3,141,224,160** | **27%** |

Ibisobanuro:

- ✓ Amafaranga aturuka muri central government agenewe ibikorwa byihariye (**Earmarked transfers**) haje angana na 36%
- ✓ Amafaranga aturuka ku **misoro n'amahoro (OWN REVENUES)** yinjizwa ubu na RRA, habonetse angana na 11%. Akaba akiri make kuko ubu baracyari kubaka system, ariko hamaze gufatwa ingamba zihamye zo kwishyuza maze target ikazagerwaho;
- ✓ Amafaranga aturuka mu bindi bigo **OTHER GOVERNMENT AGENCIES** Miliyoni 50,115,830 Rwf yose ntaraza ariko request ya 10,115,830 Frw yarasabwe mu kigega gitera inkunga imihanda"Roads Maintenance Funds –RMF) Naho andi Miliyoni 40 azatangwa na LODA hamaze kuboneka inyigo y'umuhanda wa Kagarama-Muyange ubu uri muri tender process
- ✓ Amafaranga ya **EXTERNAL GRANTS** hamaze gutangwa 32% angana na Miliyoni 149,200,636. Hari nandi twasabye muri LODA angana na Miliyoni 130 ataraza ku mpamvu zuko Abaterankunga b'abadage (KFW) na Belgique batarayaha ikigega LODA
- ✓ Amafaranga aturuka muri central government agenewe ibikorwa byihariye (**Earmarked transfers**) haje angana na 36%
- ✓ Amafaranga aturuka ku **misoro n'amahoro (OWN REVENUES)** yinjizwa ubu na RRA, habonetse angana na 11%. Akaba akiri make kuko ubu baracyari kubaka system, ariko hamaze gufatwa ingamba zihamye zo kwishyuza maze target ikazagerwaho;
- ✓ Amafaranga aturuka mu bindi bigo **OTHER GOVERNMENT AGENCIES** Miliyoni 50,115,830 Rwf yose ntaraza ariko request ya 10,115,830 Frw yarasabwe mu kigega gitera inkunga imihanda"Roads Maintenance Funds –RMF) Naho andi Miliyoni 40 azatangwa na LODA hamaze kuboneka inyigo y'umuhanda wa Kagarama-Muyange ubu uri muri tender process
- ✓ Amafaranga ya **EXTERNAL GRANTS** hamaze gutangwa 32% angana na Miliyoni 149,200,636. Hari nandi twasabye muri LODA angana na Miliyoni 130 ataraza ku mpamvu zuko Abaterankunga b'abadage (KFW) n'ababiligi (CTB) batarayaha ikigegà LODA

**c) Uko amafaranga yakoreshejwe:**

| | Approved Budget | End October Performance | Percentage of performance |
|---|---|---|---|
| Recurrent costs | 8,646,326,661 | 2,553,920,659 | 30% |

| | | | |
|---|---|---|---|
| District Salaries | 1,891,065,318 | 537,114,469 | 28% |
| Health workers salaries | 1,135,583,110 | 567,791,556 | 50% |
| Teachers salaries | 1,759,109,616 | 552,865,243 | 31% |
| Others recurrent costs | 3,860,568,617 | 896,149,391 | 23% |
| **Development Costs** | **3,189,745,793** | **523,458,179** | **16%** |
| Development project's expenditures | 3,189,745,793 | 523,458,179 | 19% |
| Total expenditures | 11,836,072,454 | 3,077,378,838 | 26% |

**Ibisobanuro:**

- Ingengo y'imari isanzwe hamaze gukoreshwa angana na **30%** bingana na Miliyari **2,553,920,659 Rwf.** Aha akaba amaze kurenga 25% biturutse ku mpamvu z'uko amafaranga yo kwishyura imishahara y'abaganga aho ayoherezwa aba ari aya mezi 3 ubu bakaba baramaze gutanga ku bigo ay'amezi 6.
- Ingengo y'imari y'amajyambere hamaze gukoreshwa 16% gusa biturutse ku mpamvu zuko ahanini igihembwe cya mbere akazi kanini kaba ari ako gutanga amasoko. Ikindi nuko ba Rwiyemezamirimo bamwe baba batarishyuza imirimo kugirango bishyurwe

**Ingamba**

- Gukorana hafi na RRA kugirango hazinjire amafaranga menshi mu kwezi k'Ukuboza aturuka ku bukode bw'ubutaka (Rent on plots) no kunoza Imikoranire hubahirizwa MoU hagati y'Akarere na RRA

- Gushyira mu bikorwa Procurement plan, na cash plan
- Gutangira ku gihe cash plan muri MINECOFIN y'ibihembwe bibiri bisigaye no kuyikurikirana
- Gukurikirana ibikorwa by'imishinga no kwishyurira ku gihe ba Rwiyemezamirimo

**Umwanzuro 027/11/15-16**

a) Inama Njyanama yakiriye raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere inayishima.

b) Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku kibazo cy'imyinjirize y'amafaranga yemejwe mu ngengo y'imari 2015/2016, Inama Njyanama yemeje ko hakomeza ubuvugizi, hagakorwa n'ubukangurambaga urugo ku rundi ku mabwiriza y'umusoro akoreshwa uyu munsi mu karere ka Kicukiro no mu gihugu muri rusange.

**Ingingo ya 5: Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye 2015/2016**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje Inama Njyanama ko umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye 2015/2016 wagejejwe mu biro by'Inama Njyanama kugirango usuzumwe.

**Umwanzuro 028/11/15-16**

Inama Njyanama yemeje ko uwo mushinga w'ingengo y'imari ivuguruye 2015/2016 uhabwa komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu kugirango wigwe bityo hazabeho inama yo kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 215/2016. Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye uwo mushinga umwanditsi wa komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu.

**Ingingo ya 6: Kwemeza igenagaciro ry'isoko rya Kigarama;**

Nyuma yo gusuzuma igenagaciro ryakorewe ikibanza n° 614 kiri mu murenge wa Kigarama kuwa 11/11/2015 hakagaragara ko ikibanza cyonyine gifite agaciro ka miliyoni magana abiri na mirongo icyenda na zirindwi n'ibihumbi magana inani na mirongo itanu (297,850,000 RWF) naho ibikiri hejuru (byubatswe na KABHOD Investment group) bikagira agaciro ka miliyoni ijana na mirongo irindwi n'icyenda ibihumbi magana abiri na mirongo irindwi n'umunani n'amafaranga magana atatu na mirongo itanu n'atanu (179,278,355 Frw).

a) **Umwanzuro 029/11/15-16**

Inama Njyanama yemeje igenagaciro ry'ubutaka bw'Akarere buri mu kibanza n° 614 giherereye mu murenge wa Kigarama ringana na miliyoni magana ane mirongo irindwi na zirindwi ibihumbi ijana na makumyabiri



AU

n'amafaranga magana atatu na mirongo itanu n'atanu (477,128,355 FRW) nk'uko ryakozwe n'umugenagaciro wemewe, Bwana BAGAMBA Edward.

b) **Umwanzuro 030/11/15-16**

Kugirango umushinga wo kubaka isoko rya kijyambere mu kibanza cy'Akarere n° 614, Inama Njyanama yemeje ko ubwo butaka bw'Akarere bushyirwa ku isoko hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 17 (igika cya 4 n'icya 5) y'itegeko n° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigena imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda ivuga ko *«Gutanga no guhabwa ubutaka bugenewe ishoramari, bikorwa hashingiwe ku nyigo y'umushinga yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha hashingiwe ku kamaro n'agaciro by'ishoramari»* kandi ko *«Gutanga ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo mu rwego rw'ishoramari bikorwa biciye mu ipiganwa keretse byemejwe ukundi n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe kandi ku butaka buzwi»*.

## Ingingo ya 7: Raporo ya komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu

Umwanditsi wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku nama njyanama raporo ya komisiyo igizwe n'ibice 4 aribyo:

- Isuzuma ry'ibipimo by'ubukode bw'ubutaka bizasoreshwa mu mwaka wa 2016;
- Isuzuma ry'amabwiriza agena imisoro n'amahoro ku mirimo ikorerwa Abaturage mu Karere ka Kicukiro muri 2016;
- Isuzuma ry' urutonde rw'Amadeni asabirwa gukurwa mu bitabo by'Akarere;
- Amabwiriza azagenga imikoreshereze y'Amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro.

### A. Ibipimo by'Ubukode bw'Ubutaka bizasoreshwa mu mwaka wa 2016

Umwanditsi wa komisiyo yamenyesheje Inama Njyanama ko abajyanama bagize komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu barebeye hamwe ibipimo by'ubukode bw'ubutaka bizasoreshwa mu mwaka wa 2016, umudugudu ku mudugudu. Nyuma yo kungurana ibitekerezo hifashishijwe n'abatekenisiye b'Akarere basanze hakurikijwe iterambere rimaze kugera muri buri Mudugudu hazishyurwa amafaranga y'ubukode bw'Ubutaka ari mu by'iciro 3 aribyo: 70frw/m$^2$, 30frw/m$^2$ na 10frw/m$^2$.

Abajyanama bagize komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bakaba basaba Inama Njyanama - kwemeza ibi bipimo kugirango Akarere kazabashe kuzuza inshingano kiyemeje no kureba by'umwihariko abantu batishoboye batujwe na Leta mu Mirenge ya Gahanga, Kanombe, Nyarugunga na Masaka ikagira icyo yemeza ku bukode bw'ubutaka.

Abagize inama Njyanama bamaze kugaragarizwa urutonde rurambuye rw'ibipimo by'imisoro no kurwunguranaho ibitekerezo;

**Umwanzuro 031/11/15-16**

a) Inama Njyanama yemeje ibipimo by'Ubukode bw'Ubutaka bizasoreshwa mu mwaka wa 2016 nk'uko bigaragara ku cyemezo cy'Inama N° 031/11/15-16 cyo kuwa 21/11/2015 gishyiraho ibipimo by'Ubukode bw'Ubutaka kiri ku mugereka n° 1.

b) Ku batishoboye bubakiwe n'Akarere cyangwa na leta muri rusange basaba gusonerwa n'abandi baturage basaba kuvanirwaho imisoro kuko igishushanyo mbonera cy'Umujyi kitabemerera kubaka bitewe n'ibikorwa remezo bizanyuzwa mu bibanza byabo ku gihe gikwiye, Inama Njyanama yasabye ko hakomeza gukorwa ubuvugizi kugirango abaturage bafashwe.

### B. Amabwiriza agena imisoro n'amahoro ku mirimo ikorerwa Abaturage mu Karere ka Kicukiro muri 2016

Umwanditsi wa komisiyo yamenyesheje Inama Njyanama ko abajyanama bagize komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu barebeye hamwe amabwiriza agena Imisoro n'Amahoro ku mirimo ikorerwa Abaturage mu Karere ka

Kicukiro akwiye kugenderwaho mu karere ka Kicukiro mu mwaka wa 2016, hashingiwe ku mategeko n'Amateka bishyiraho urutonde kandi bigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'Ibanze atandukanye. Yakomeje avuga ko komisiyo isaba Inama Njyanama kwemeza urutonde rw'Imisoro n'Amahoro 2016 bityo Akarere kakabasha kuzuza inshingano zako.

**Umwanzuro 032/11/15-16**
Inama Njyanama yemeje amabwiriza agena Imisoro n'Amahoro ku mirimo ikorerwa Abaturage mu Karere ka Kicukiro azakoreshwa mu mwaka wa 2016 nk'uko bigaragara ku cyemezo cy'Inama N° 032/11/15-16 cyo kuwa 21/11/2015 gishyiraho amabwiriza agena Imisoro n'Amahoro ku mirimo ikorerwa Abaturage mu Karere ka Kicukiro kiri ku mugereka n° 2.

## C. Amadeni asabirwa gukurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere

Umwanditsi wa komisiyo yamenyesheje Inama Njyanama ko abajyanama bagize komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu basesenguye urutonde rw'Amadeni atandukanye asabirwa kuvanwa mu bitabo by'Akarere bitewe n'uburyo yagiyemo bikurikije amakosa yagiye akorwa n'abakozi bari babishinzwe. Amadeni amwe aturuka ku kubarira abaturage ubukode kandi nta masezerano y'ubukode bafitanye n'Akarere, kubarwaho amadeni ku mitungo itari iyabo ahubwo bayicumbitsemo, abandi bakabarirwa ubukode inshuro ebyiri ndetse no kwishyuza imisoro y'ubukode ku mazu adakodeshwa. Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ikaba isaba Inama Njyanam ko yakwemeza ikurwa ry'amadeni yagaragajwe na komisiyo mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere kugirango ko gukomeza kugaragara nkagafitiwe imyenda kandi idateze kuzishyurwa.

**Umwanzuro 033/11/15-16**
Nyuma yo kungurana inama ku miterere y'iki kibazo, Inama njyanama yemeje ko amadeni ahwanye na miliyoni mirongo itatu n'esheshatu ibihumbi magana arindwi mirongo inani na bitandatu n'amafaranga magana atandatu mirongo itandatu n'atanu **(36 786 665 Rwf)** avanwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere kugirango ye gukomeza kugaragara nk'imyenda akarere gafitiwe kandi idateze kuzishyurwa.
Muri ayo madeni harimo:

a) **Abaturage bishyujwe badafitanye amasezerano y'ubukode n'Akarere (16)**

| N° | UBARWAHO UMWENDA | UMURENGE | RWF | IGISOBANURO CY'UMWENDA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | MIHIGO Bienvenu | KANOMBE | 401 941 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana MIHIGO Bienvenu ungana na 401,941 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta masezerano yari afite amwishyuza akaba yarabariwe kuri fiche cadastrale. |
| 2 | NKUSI Alphonse loc.parcelle | KANOMBE | 55 901 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Nkusi Alphonse ungana na 55,901 w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta masezerano yari afite amwishyuza. |
| 3 | Nkusi Charles | KANOMBE | 423 747 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana NKUSI Charles ungana na 423,747 FRW w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta masezerano afitanye n'Akarere amwishyuza. |
| 4 | WAYIRANGIRE Eugene | NYARUGUNGA | 487 142 | Nyuma yo gusuzuma umwenda Bwana Wayirangire Eugene ungana na 487,142 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta masezerano yari afitanye n'Akarere amwishyuza. |
| 5 | Mutarabayire Christine | NYARUGUNGA | 2 336 512 | Nyuma yo gusuzuma uyu mwenda wa Madame MUTARABAYIRE Christine ungana na 2,336,515 w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta masezerano yari afitanye n'Akarere. |
| 6 | KABANDA NGUNDA Abdul | NIBOYE | 2 335 128 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana NGUNDA ABDUL ungana na 2,335,128frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze umwenda we nta shingiro ufite kuko yabariwe nta masezerano afitanye n'Akarere. |



AU

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 7 | GAKOMBE James | KIGARAMA | 47 088 | Nyuma yo Gusuzuma umwenda wa Bwana Gakombe James ungana na 47,088frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta shingiro ufite kuko yishyujwe nta masezerano afitanye n'Akarere. |
| 8 | GATERA Pierre | KIGARAMA | 159 702 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Gatera Pierre ungana na 159,702 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta shingiro umwenda ufite kuko yishyujwe nta masezerano afitanye n'Akarere amwishyuza . |
| 9 | Buregeya Mugisha | KIGARAMA | 121 219 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa BUREGEYA MUGISHA ungana na 121,219 w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda afitiye akarere kuko yishyujwe nta masezerano afite . |
| 10 | Uzamugura Martin | NIBOYE | 922 500 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana **Uzamugura Martin** ungana na 922.500 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda atubereyemo kuko nta masezerano y'ubukode bw'ubutaka yari afitanye n'Akarere. |
| 11 | Mukakimenyi Leonille | KIGARAMA | 62 800 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Madame Mukakimenyi Leonille ungana na 62,800 frw w'ubukode bw'ubutaka 2011-2011 twasanze nta masezerano afitanye n'Akarere yo kwishyura . |
| 12 | Muhawenimana Emmanuel | GIKONDO | 1 166 550 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana MUHAWENIMANA Emmanuel ungana na 1,166.550frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda atubereyemo kuko nta masezerano yari afitanye n'Akarere. |
| 13 | Bisengimana Elise | GIKONDO | 849 720 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Bisengimana Elise ungana na 849.720frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda atubereyemo kuko nta masezerano yari afitanye n'Akarere. |
| 14 | Rucibigango J.Baptiste | GIKONDO | 1 108 920 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Rucibigango J.Baptistee ungana na 1108920 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda atubereyemo kuko nta masezerano yari afitanye n'Akarere. |
| 15 | Rugema Michel | GIKONDO | 1 290 160 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Rugema Michel ungana na 1290160 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda atubereyemo kuko nta masezerano yari afitanye n'Akarere. |
| 16 | Ndabamenye Joseph | GIKONDO | 1 482 754 | Nyuma yo gusesengura umwenda wabarwaga kuri Ndabamenye Joseph ungana na 1 482 754frw w'ubukode bw'ubutaka Twasanze uyu mwenda yarawubariwe hagendewe kuri fiche cadastrale kuko ntamasezerano yari afitanye n'Akarere. |

**b) Imisoro yabazwe ku bukode bw'amazu kandi amazu atarakodeshwaga (5)**

| N° | UBARWAHO UMWENDA | UMURENGE | RWF | IGISOBANURO CY'UMWENDA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Barabwira Jean Baptiste | KANOMBE | 254 240 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Barabwira Jean Baptiste w'ubukode bw'amazu twasanze uwo mwenda ungana na 254 240 frw nta shingiro ufite kuko nta nzu ikodeshwa afite . Ku bw'iyo mpamvu turasaba ko wakurwa mu bitabo by'imyenda |



AY

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 2 | Gakirage J Bosco | KIGARAMA | 474 497 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana GAKIRAGE Jean Bosco ungana na 474,497frw w'ubukode bw'amazu mu murenge wa Kigarama twasanze umwenda nta shingiro kuko inzu ye itakodeshwaga nkuko rapport y'umurenge ibigaragaza. Kubw'iyo mpamvu turasaba ko uwo mwenda wakurwa mu bitabo |
| 3 | Nzeyimana Emmanuel | KIGARAMA | 443 640 | Nyuma yo gusuzuma umwenda ungana na 443,640 frw w'ubukode bw'amazu wa Bwana NIZEYIMANA Emmanuel twasanze nta mwenda adufitiye kuko inzu ye ntiyigeze ikodeshwa kubwiyo mpamvu tukaba dusaba ko yavanwa mu bitabo by'imyenda. |
| 4 | Rukerampunzi Claude | KICUKIRO | 357 870 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana RUKERAMPUNZI Jean Calude ungana na 357,870 frw W'ubukode bw'inzu twasanze nta mwenda atubereyemo nkuko umurenge wa Kicukiro ubigaragaza, inzu ye ntiyigeze ikodeshwa kubwibyo tukaba dusaba ko yakurwa k'urutonde rw'abadufiye imyenda |
| 5 | Mukandamage Venantie | NIBOYE | 218 400 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Madame Venantie Mukandamage ungana na 218,400 frw w'ubukode bw'inzu twasanze nta mwenda atubereyemo nkuko umurenge wa Niboye ubigaragaza, kuko inzu ye itigeze ikodeshwa muri iyo myaka yishyuzwa ku bwibyo tukaba dusaba ko yakurwa k'urutonde rw'abadufitiye imyenda. |

c) Abasora bakomeje kubarwaho imyenda ariko bakaza kugaragaza aho bishyuriye nyuma (5)

| N° | UBARWAHO UMWENDA | UMURENGE | RWF | IGISOBANURO CY'UMWENDA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Gasana Serge | NIBOYE | 307 799 | Uyu Gasana yariyarabariwe umwenda kuva umwaka wa 2009,ariko uburyo yagiye yishyura ntibyagiye byandikwa neza mu bitabo, bityo bikaba bigaragara ko ku nyemezabwishyu yibihumbi ingana 657,799frw yishyuzwaga yishyuye ibihumbi 739,717frw ku wa16/8/2013, ariko ubwo bwishyu abugaragaza nyuma, bityo akomeza kubarwaho umwenda kandi yararangije kwishyura. |
| 2 | Minani Ephreim | GIKONDO | 106 941 | Twasanze yarishyuye ahubwo ataragaragaje inyemezabwishyu kuko atabaga mu gihugu niyo mpamvu twabonye inyemezabwishyu ye nyuma yishyuye 148,162 frw kuwa 14/7/2002 kandi ikaba itandukanye n'ayo yishyuzwa yanditse mu bitabo by'imali |
| 3 | Musonera Musoni Aloys | KANOMBE | 30 668 | Nyuma yo gusuzuma umwenda wa Bwana Musonera Musoni Aloys ungana na 30,668 frw w'ubukode bw'ubutaka twasanze nta mwenda atubereyemo kuko yazanye inyemezabwishyu ihwanye na **890,727** frw yo ku wa 28/9/2012 . Hakaba harabayemo kwibeshya ko hari amafranga adusigayemo mu gihe cyo kwandika imyenda. |
| 4 | British American Tobacco (TABARWANDA) | KICUKIRO | 3 500 000 | Uyu mwenda wari wabazwe kuva 2006-2009 wanganaga na 3,500,000frw, ukomoka ku musoro w'umutungo utimukanwa wikigo cyahoze cyitwa TABARWANDA, ikaza kugurisha imigabane yayo mu kigo cya British American Tobacco Campany. ariko ibijyane nimitungo itimukanwa yari yabariwe imisoro bikaza kugurwa inshuro zirenze imwe aho habanje kugurwa NA SOCIETE YA GENIMO SARL, Nyuma nayo iza kugurisha na societe y' Akagera Motor ari nayo yishyuye uwo mwenda kuwa 25/3/2010 ungana na 5,546,878frw. aya mafranga akaba yararenze ayari yabazwe mbere kuko umusoro wari warabazwe hatagendewe kugaciro nyakuri |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 5 | Kabeja Thomas | GIKONDO | 1 641 128 | Nyuma yisuzuma twasanze yari yarishyuye mbere ariko ntiyagaragaza ubwishyu ngo tumukure mu bitabo by'Imyenda y'Akarere, nkuko bigaragazwa n'ubwishyu bwo ku wa19/1/2010 bungana na 1,000,000frw na 750,354frw ku wa 29/3/2010. |

**d) Ababariwe imisoro ariko imitungo itabanditseho (3)**

| N° | UBARWAHO UMWENDA | UMURENGE | RWF | IGISOBANURO CY'UMWENDA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | DN International | MASAKA | 4 619 242 | Nyuma yo gusuzuma umwenda ungana na 4,619,242 frw wishyuzwaga DN International k'ubukode bw'ubutaka twasanze uwo musoro warabazwe nta cyemezo na kimwe ushingiyeho cyane ko n'ubwo uwo mudugudu nubwo witirirwa DN , ariko buri wese ufite ikibanza muri uwo mudugudu yiyishyuraga. |
| 2 | Murenzi Romain | GIKONDO | 1 116 948 | Nyuma yo gukurikirana umwenda wanditswe kuri Bwana MURENZI Romain twasanze harabayemo kwibeshya akishyuzwa amahoro k'ubukode bw'ubutaka kandi butamwanditseho kuko ari ubwa NIZEYIMANA Olivier kandi bukaba busanzwe bufite Titre de Propriete bukaba bwishyurirwa umusoro ku mutungo utimukanwa |
| 3 | Nderekamondo Gabriel | GIKONDO | 2 411 348 | Hakurikijwe raporo y'umurenge uyu Nderekamondo yishyuzwaga umwenda wa Location parcelle numero 2398 iherereye gikondo, kanserege ariko akavuga ko batigeze batunga iyo parcelle kuko yatwawe mu bice byahawe uruganda rwa Mironko plastic mu myaka ya za 1989.ariko yemera ko hari ikibanza bafite giherereye gikondo,kanserege gifite numero 2277. Nyuma yogukora ubugenzuzi kuri icyo kibanza twasanze ari icyabo koko ndetse cyarahawe ibyangombwa by'ubukode burambye muri 2012. |

**e) Ahabazwe imisoro ariko basanzwe bishyura ndetse habayeho kwibeshya ubwoko bw'ibyishyurwa (type d'impots ou taxes) (2)**

| N° | UBARWAHO UMWENDA | UMURENGE | RWF | IGISOBANURO CY'UMWENDA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kayinamura Gedeon | GIKONDO | 1 247 160 | Nyuma yo gukurikirana umwenda w'uyu Bwana Kayinamura Gedeon twasanze harabayemo kwibeshya akishyuzwa amahoro k'ubukode bw'ubutaka kandi icyo kibanza cyishyurirwa Property tax kuko gifite titre de propriete |
| 2 | CIVIL AVIATION AUTORITY | NYARUGUNGA | 6 805 000 | Nyuma yo gusuzuma umwenda ubarwa kuri CIVIL AVIATION AUTORITY ungana na 6.805.000 frw twasanze imisoro yishyurwa n'iki kigo ari Impot Locatif gusa bityo amahoro y'ubucuruzi akaba yarabazwe kandi akitwa umwenda mu buryo bwo kwibeshya kuko Umusoro kubukode wabo wishyurwa neza kandi buri mwaka. |

## D. Amabwiriza azagenga imikoreshereze y'Amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro.

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama amabwiriza yateguwe na komisiyo agamije kugenga imicungire y'Amasoko acururizwamo mu karere ka Kicukiro mu rwego rwo kunoza imikorere yayo ndetse binajyanye n'iterambere rimaze kugerwaho.

Abajyanama bamaze kugezwaho ayo mabwiriza basanze harimo ingingo zimwe zigikeneye ibisobanuro byimbitse ndetse harimo na bimwe bidasobanutse ukurije imiterere y'amasoko ari mu karere ka Kicukiro.

**Umwanzuro 034/11/15-16**
Inama Njyanama yemeje ko ayo mabwiriza ku micungire y'amasoko acururizwamo mu karere ka Kicukiro asubira muri komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu akazabanza kunozwa hitawe kuri ibi bikurikira:

a) Imiterere n'umwihariko w'amasoko acururizwamo mu karere ka Kicukiro: aya Leta n'aya ba Rwiyemezamirimo
b) Imyubakire ya buri soko
c) Uruhare rw'ubuyobozi mu mikorere y'isoko no kubagezaho ibikoresho by'ibanze bisabwa amasoko
d) Igihe gikwiye amabwiriza yatangira kwubahirizwa

**Ingingo ya 8: Raporo y'Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere**

Inama Njyanama yamenyeshejwe raporo y'inama y'ubutegetsi ya farumasi yateranye kuwa 30/09/2015. Inama yize ku ngingo zikurikira:
1) Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 30/06/2015;
2) Amadeni ibigo by'ubuzima bibereyemo farumasi y'Akarere
3) Ibintu n'ibindi: Kwemeza umwiherero wo kuvugurura amategeko ngengamikorere ya Farumasi.

**Umwanzuro 035/11/15-16**
Nyuma yo gusuzuma imyanzuro yafatiwe muri iyo nama, Inama Njyanama yasanze ingingo zigwa nta buremere (consistance) ziba zifite, yibaza niba byaba biterwa n'uburyo umwanditsi yandika imyanzuro cyangwa se ari uko nta bintu bifatika Inama y'ubutegetsi iba ifite byo kwigaa. Kubera iyo mpamvu inama nyanama yemeje ko:

- Komite Nyobozi y'Akarere izahugura umuyobozi wa Farumasi kuri reporting ifite ireme,
- Biro y'inama Njyanama ikazahura na Board ya Farumasi y'Akarere mu rwego rwo kubafasha ku mikorere y'inama ifite ireme.
- Ku bijyanye n'umwiherero bateganya gukora w'iminsi ibiri, Inama njyanama irasaba Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi kuzakorera uwo mwiherero mu karere ka Kicukiro.

Bitewe n'uburemere bw'ingingo zizwe, Inama Njyanama yemeje ko ingingo zisigaye zidafatiwe umwanzuro zizigirwa mu nama idasanzwe. Umuyobozi w'inama yashoje inama ashimira abayitabiriye.

UWAMARIYA Annet
Umunyamabanga w'Inama njyanama

Dr NYIRAHABIMANA Jeanne
Umuyobozi w'Inama njyanama